Washington State Department of Social & Health Services

Amahitamo ufite yo gufata ubufasha bw'umwana mu gihe Uhabwa ubufasha bw'igihe gito bugenewe imiryango ikennye (TANF)

Keretse igihe byaguteza ibyago cyangwa bikabiteza umwana wawe, Itegeko risaba y'uko ugomba gufasha Ishami rishinzwe serivisi z'imibereho myiza n'ubuzima (DSHS), Ishami rishinzwe kwita ku bana (DCS), jya ufata ubufasha nubona TANF yawe n'iy'umwana wawe. DCS itanga serivisi zo kugufsha mu ishyirwamubikorwa rya serivisi iyo uhabwa TANF. Izi serivisi zishobora kuba zirimo kuba DCS yatuma undi mubyeyi yubahiriza inshingano zo gutanga ubwishingizi bw'ubuzima no gutanga uruhare rwe ku mafaranga agenda mu kuvuza umwana/abana bawe igihe nta bwishingizi afite.

Ni iki ngomba gukora kugira ngo mfashe DCS gukusanya iyi nkunga y'umwana?

- Kuvuga amazina y'ababyeyi b'umwana.
- Kuduha amakuru adufasha kubona umubyeyi/ababyeyi.
- Gufasha kwemeza umubyeyi/ababyeyi b'umwana.

Kuki ari ingenzi kwerekana isano iri hagati y'umubyeyi n'umwana no gufata inkunga igenerwa umwana?

- Kuko gufasha umwana byatuma wigira.
- Kuko biha umwana/abana bawe amateka yo kwivuza bamenya umubyeyi wabo.
- Kuko biha umwana wawe uburenganzira ahabwa n'amategeko bwo kuzungura, ubwteganyirize, ibigenerwa abavuye ku rugerero n'ibindi bitangwa na leta.

Bigenda bite iyo nanze guha makuru DCS?
Nudafasha DCS gukusanya inkunga y'umwana ntabwo wemererwa “Impamvu nziza”, inkunga y'amafaranga ugenerwa ishobora kugabanywaho 25%.

Ni ryari ntacyo bitwaye *kwanga* gukorana na DCS?
Si ngombwa gutanga ubufasha mu gukusanya inkunga y'umwana mu gihe Umukozi wo mu biro by'inzego z'ibanze (CSO) agennye ko ufite impamvu yumvikana yo kudatanga ubufasha. Impamvu zumvikana zirimo:

- Ufite ubwoba bw'uko wowe cyangwa umwana/abana witaho bazakomeretswa bikabije ku mubiri no mu marangamutima.
- Umwana wawe yaravutse ku mubyeyi wafashwe ku ngufu cyangwa ku bw'amacugane.
- Waratangiye gahunda yo kugira umwana utabyaye uwawe, cyangwa ukaba uri kugirwa inama (kugeza ku mezi) hamwe n'ikigo gishinzwe gushaka imiryango yakira abana kugira ngo umurere.

Ni iki naha umukozi wa CSO wanjye mu rwego rwo kwerekana ko mfite impamvu yumvikana imbuza gufasha?

- Inyandiko yawe iriho umukono igaragaza ubwoba n'impungenge ufite
- Amakuru ayo ariyo yose arimo ay'ubuvuzi, polisi, cyangwa andi makuru ajyanye n'umutekano wawe, niba zihari.

Ese nshobora gukomeza gukusanya inkunga y'umwan airko sinkorane na DCS?
Yego kuko hari inzego ebyiri ushobora guhitamo; Urwego A cyangwa Urwego B.

- Urwego A: Ntabwo *uza* sabwagukorana na DCS. Inkunga y'umwana ntikusanywa.
- Urwego B: Ntusabwa *gu* korana na DCS *ariko* inkunga y'umwana irakusanywa ariko aderesi yawe ikarindwa.

Nakora iki mu gihe gukusanya inkunga y'umwana bikozwe na DCS bitagitekanye?

- Bimenyeshe umukozi wa CSO wawe n'Ibiro by'Ihami rishinzwe gufasha (DCS) ako kanya. Kubabwira bombi uko ibintu byifashe kuri wowe.
- Gusana impamvu yumvikana wuzuza iyi fishi.
- Niba kuri ubu ufite impamvu yumvikana yo mu Rwego B, reba ko wahindura ukajya mu Rwego rwa A.
- Gusaba kurangirwa umuvugizi ukorera mu baturange ushinzwe ihohotera ribera mu muryango.

Bigenda bite iyo ntemeranywa n'Icyemezo cyafashwe ku Mpamvu yumvikana?
Ufite uburenganzira bwogusaba kuburanishwa imbere y'ubuyobozi ku cyemeozo cyafashwe ku Mpamvu yumvikana. Kuburanishwa imbere y'amategeko ni ugusuzuma icyemezo cyafashwe ku Mpamvu yumvikana. Reba “Uko iburanisha imbere y'ubuyobozi rikorwa” kuri paji ikurikira ubne andi makuru ku iburanisha imbere y'ubuyobozi.

Uramutse ufite ikibazo icyo ari cyo cyose kijyanye n'ubufasha mu gukusanya inkunga igenerwa umwana, baza mbere yo gushyira umukono kuri iyi fishi. Genzura imwe mu nteruro ziri munsi.

☐ Nizera ko nta kibazo biteye kuri njye n'abana banjye ko DCS ikusanya inkunga y'umwana. Nsobanukiwe ko Ngomba gufasha DCS gukusanya inkunga y'umwana kandi nintabikora inkunga y'amafaranga mpabwa izagabanywaho 25%.

☐ Mfite impamvu yumvikana yo kudatanga ubufsha. Sobanura impamvu ugaragaza ubwoba n'impungenge ufite kuri paji ikurikria.

Sobanura impamvu usaba kwemererwa impamvu yumvikana ugaragaza ubwoba n'impungenge ufite.

Ndahiye ko ibyo navuze hejuru ari ukuri.

IZINA RY'UMUKIRIYA (MU NYUGUTI NKURU)	NIMERO IRANGA UFASHWA
UMUKONO W'UFASHWA	ITARIKI

Nahaye umukiriya kopi y'iyi fishi.

UMUKONO W'UMUKOZI	ITARIKI
IZINA RY'UMUBYEYI UDASHINZWE UTARI UMWISHINGIZI W'UMWANA	NIMERO IRANGA UFASHWA
IZINA RY'UMWANA	NIMERO IRANGA UFASHWA
IZINA RY'UMWANA	NIMERO IRANGA UFASHWA
IZINA RY'UMWANA	NIMERO IRANGA UFASHWA

Uko kuburanishwa imbere y'ubuyobozi bigenda

1. Ushobora guhamagara ibiro bishinzwe abaturage by'aho uherereye bagasuzuma dosiye yawe.
2. Ushobora guhamagara Ibiro bishinzwe baturage cyangwa ukandikira Ibiro bishinzwe kuburanisha imbere y'amategeko, PO Box 42489, Olympia, WA 98504-2489 mu minsi 90 ugasaba gusomerwa. Iyo usabye ko habaho iburanisha, DCS ntizatangira gukora kuri dosiye yawe kugeza hafashwe umanzuro w'urubanza.

   Umwunganizi mu by'amategeko cyangwa undi muntu ashobora kuguhagararira mu isomwa ry'urubanza, cyangwa ukihagararira.

Ese nshobora guhabwa inama mu by'amategeko cyangwa guhagararirwa?

Ushobora guhamagara nimero ya serivizi z'amategeko muri leta hose 1-888-201-1014.